

ITANGAZO

Amabwiriza avuguruye yo kwirinda COVID-19 mu rwego rw'ubukerarugendo n'amahoteli ndetse n'inama, amakoraniro n'amamurikabikorwa

Hashingiwe ku itangazo ryaturutse mu Biro bya Minisitiri w'Intebe kuwa 17 Ukuboza 2021 rirebana n'amabwiriza yo kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19, Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) ruramenyesha abantu bose ibi bikurikira, bizubahirizwa mu bigo by'ubukerarugendo amahoteli, ahabera inama, amateraniro n'amamurikabikorwa:

1. Abashyitsi baturuka hanze y'Igihugu bagomba kwipimisha COVID-19 no kuguma muri hoteli zagenwe mu gihe cy'iminsi 3, bakongera kwipimisha ku munsu wa gatatu hifashishijwe uburyo bwa PCR kandi biyishyurira. Umushyitsi yemererwa gusohoka muri hoteli ari uko amaze kubona ibisubizo by'uko atarwaye COVID-19, kandi asabwa kongera kwipimisha ku munsu wa 7 kuri site yabugenewe yiyishyuriye;
2. Abakerarugendo baturuka hanze y'Igihugu bashaka gusura pariki z'Igihugu ntibasabwa kumara iminsi 3 muri hoteli ariko bagomba kongera kwipimisha COVID-19 ku munsu wa 3 n'uwa 7 hifashishijwe uburyo bwa PCR na buri munsu hifashishijwe uburyo bwihuse kandi bakiyishyurira. Sosiyete itwara abakerarugendo cyangwa hoteli ishobora gusaba uku koroherezwa yandikiye visitrwanda@rdb.rw hasigaye nibura amasaha 72 ngo abashyitsi bayo binjire mu gihugu, ikagaragaza umwirondoro wabo na gahunda y'ingendo zabo;
3. Abakerarugendo basura pariki z'Igihugu, ubariyemo n'abana barengeje imyaka 5, bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bipimishije COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 24 kandi batayirwaye. Ibipimo bifashwe hifashishijwe uburyo bwa PCR ni byo byemewe ku basura inguge muri Pariki za Nyungwe, Gishwati-Mukura n'Ibirunga, cyakora ku basura ibindi muri izo pariki kimwe n'abasura Pariki y'Akagera uburyo bwihuse na bwo buremewe;

4. Ibitaramo by'umuziki, utubyiniro, harimo n'utwa 'Silent Disco', ndetse n'aho baririmba cyangwa bacuranga mu buryo bwa 'live' muri hoteli, resitora, utubari cyangwa ahandi bibaye bihagaritswe;
5. Inama ziba imbonankubone, zitabirwa n'abatarenze 50% by'ubushobozi bw'aho zibera bwo kwakira abantu. Abitabirwa inama bagomba kugaragaza icyemezo cy'uko bahawe inkingo zose za COVID-19 kandi bayipimishije mu gihe kitarenze amasaha 24 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse kandi bagasanga batayirwaye;
6. Hoteli, resitora, cafés n'ahagenewe imyidagaduro bashobora guha service abakiriya batarenze 50% by'ubushobozi bwo kwakira abantu mu nzu cyangwa 75% by'ubushobozi bwo kubakira hanze. Mu Mujyi wa Kigali cyangwa imijyi iwunganiye (Muhanga, Huye, Rusizi, Rubavu, Nyagatare na Musanze) abakiriya bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19. Abakiriya barashishikarizwa kwipimisha kenshi COVID-19;
7. Hoteli, resitora, cafés, utubari n'ahandi hagenewe kwakira abantu cyangwa kubera ibitaramo barasabwa kwitwararika gukoresha abakozi bahawe inkingo zose za COVID-19 no kuyibapimisha buri minsi 14;
8. Hoteli na Resitora zirashishikarizwa gukomeza gutanga icyumba cyakwifashishwa mu gupima COVID-19 abakiriya bazigana baba babikeneye. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuzima (RBC) kizakomeza gutanga amahugurwa akenewe;
9. Abakiriya bateganya gucumbika muri hoteli cyangwa ahandi habugenewe bagomba kwerekana icyemezo cy'uko bipimishije COVID-19 mu gihe kitarenze amasaha 24 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse kandi batayirwaye;
10. Gukoresha sauna, serivise za massage, pisine n'aho kwidagarurira ku musenyi hacunzwe n'abantu ku giti cyabo biremewe ku bakiliya bahawe inkingo zose za COVID-19 (uretse abatagejeje ku myaka 18) kandi bayipimishije mu masaha atarenze 24 hifashishijwe uburyo bwa PCR cyangwa ubwihuse bagasanga batayirwaye. Abakozi bo muri izi serivise bagomba kuba barahawe inkingo zose za COVID-19 kandi bayipimisha buri minsi 14;
11. Abatubahiriza aya mabwiriza bazahabwa ibihano biteganywa n'inzego z'Ubuyobozi bw'ibanze kandi byemejwe na Njyanama z'Uturere cyangwa Umujyi wa Kigali.

RDB iributsa abantu bose ko bagomba kubahiriza amabwiriza y'isuku no kwirinda yatanzwe na Minisiteri y'Ubuzima hagamijwe kurwanya ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19.

Bikorewe i Kigali, kuwa **19 Ukuboza 2021**




Clare Akamanzi
Umuyobozi Mukuru